**Banyakubahwa ba Ministres;**

**Nyakubahwa Umuyobozi w'Intara y'Amajyepfo;**

**Ba Nyakubahwa Ntumwa za Rubanda;**

**Abahagarariye Ingabo na Police;**

**Nyakubahwa Umuyobozi w'Akarere ka Nyanza;**

**Madamu Presidente wa Avega;**

**Babyeyi, Banyamuryango ba Avega, Bavandimwe bo mu karere ka Nyanza;**

**Muraho neza;**

Nejejwe no kwifatanya namwe uyu munsi, muri uyu muhango wo gushyikiriza amacumbi bamwe mu bagenerwabikorwa ba AVEGA .

Bimaze kuba umuco, ko mu gihe twibuka abacu bishwe muri genocide yakorewe abatutsi muri Mata 1994, tubijyanisha n'ibikorwa byo gufata mu mugongo abacitse ku icumu cyane cyane abafite intege nke.

Nagirango mumfashe dushimire abanyamuryango ba Avega nabo bafatanyije, basuye bagenzi babo bageze mu zabukuru, muri iki gihe twibuka ku nshuro ya 21. Tukaba twishimiye ko mwasanze bameze neza, baragaruye inseko ndetse bafite n'urugwiro hagati yabo. Nkuko nkunda kubibabwira mwabaye itetero ry'ababyeyi bagenzi banyu.

Nyuma y'imyaka 20 umuryango Avega - Agahozo umaze ushinzwe, dukomeza kubashimira, ko mwaranzwe n'ubutwari, mukarenga agahinda n'ibikomere mwasigiwe na Genocide, mukishyira hamwe, mukegerana, mugahozanya, mukiyubaka, mugatabarana, mukarera imfubyi kandi mwubaka n'u Rwanda. Kimwe n'abandi bacitse ku icumu bose, duhora tubashima ko mwarenze ibibi byabakorewe mukisana; ntabwo byari byoroshye ariko mwarabishoboye. Tubashimiye kandi ko mukomeza kugendana no kwiyubaka kw'igihugu.

Gahunda ya "Tubarere baratureze" mwatangiye ni nziza kandi igomba gukomeza. Niyo mpamvu tubasaba kwishyira hamwe n'abakiri bato, baba abana b'abanyamuryango ba Avega cg se indi miryango y'urubyiruko rwacitse ku icumu nka AERG, GAERG ndetse n'abana b'abaturanyi ; maze aba babyeyi batujwe uyu munsi, aka kanyamuneza bafite, bazagahorane kuko bazaba bafite abana, bababa hafi, babamenya, bakabitaho. Tuzirikane ko iyo tubakoreye ibyo, bibarinda kwicuza impamvu barokotse cyangwa se kwibaza impamvu batajyanye n'abandi. Nagirango kandi mbwire urwo rubyiruko ko aba babyeyi bageze muri iki kigero badasaba byinshi cyane icyangombwa ni ukubereka ko batari bonyine.

Ikindi kandi namwe abakiri bato, hari byinshi mwakwigira kuri aba babyeyi, bazi amateka, umuco, ubunyangamugayo kuko no mu Kinyarwanda tuvuga ko utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze.

Babyeyi, banyamuryango ba Avega, igihugu cyacu kimaze imyaka 21 cyiyubaka bushya, ari ugushyiraho inzego, amategeko, kuzamura imyumvire n'imibereho y'abanyarwanda. Namwe mumaze imyaka 20

mushinze umuryango, turabasaba gukomeza gukorera hamwe, mugire amategeko n'inzego bijyanye n'igihe, gukomeza kuba hafi y'abanyamuryango banyu no kubafasha gukemura ibibazo. Nubwo tuzi neza ko hari ibibazo byakemuka burundu nk'ibi by'amacumbi, ariko hari n'ibindi abantu bagomba gukomeza gukurikirana nk'iby'ubuzima. Natwe tubijeje gukomeza kubaba hafi nkuko twabibemereye.

Babyeyi, nkunda kubabwira ko, ntawasimbura imiryango yanyu mwabuze, ariko ntabwo muri mwenyine, turahari ngo tubahoze, tuzahora tubakomeza kandi tubasindagize ntabwo muzasazana agahinda duhari.

Banyamuryango ba Avega, mumaze kuba ubukombe, mumaze kugera ku bikorwa byinshi kandi byiza, turabasaba kumenya kubisigasira, ndetse no kubimenyekanisha.

Babyeyi mwatashye mu ngo zanyu, tubifurije kugubwa neza, mutangiye ubuzima bushya kuko mugiye kubana n'abantu mutari muziranye ariko ni abavandimwe banyu. Ibi birasaba kwiga kubana, koroherana, gufashanya, kuganira ku bibazo byavuka ndetse no kumarana irungu. Abafite imbaraga bazabe hafi y'abandi, babamenyereze. Hatekerejwe no kubashyira hamwe kugirango n'ibikenerwa by'ibanze, bibagereho vuba nk'ubuvuzi, kwitabwaho n'ibindi.

Tuboneyeho gusaba abaturage n'abayobozi ba Rwabicuma, kubakirana urugwiro dusanganywe mu Kinyarwanda.

Mbere yuko nsoza, ndagirango tubanze dushimire abafatanyabikorwa bose, bafasha kugirango ibikorwa nk'ibi bigerweho. Turashimira by'umwihariko

FARG, Akarere ka Nyanza, abagize umuryango Unity Club. Mwarakoze, kuko mwasubije agaciro aba babyeyi.

Turashimira kandi izindi nzego z'ubuyobozi zose, abaterankunga n'inshuti zanyu, badahwema kubafasha no kubitaho. Nkaba nabasaba ko twabikomeza kugirango dukomeze guhangana n'ibibazo bikibugarije.

Imyaka ibaye 21 u Rwanda ruvuye muri Genocide, rugaruye amahoro, rwibohoye akarengane n'amacakubiri, dukomeza gushima ababigizemo uruhare cyane cyane ingabo zari iza FPR Inkotanyi, zayoboye urwo rugamba, ibikorwa by'ubwitange bakoze ni ubu biracyari urumuri rwa benshi.

Mboneyeho kubifuriza kuzagira umunsi mwiza wo kwibohora, tuzirikana ko ntawe uzongera kubahungabanya. Dukomeze duteze imbere umuryango wanyu n'umuryango nyarwanda muri rusange.

Murakoze, Mbifurije Umugisha n'amahoro aturuka ku Mana